D·E·F

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE YA MINISTERI Y'URUBYIRUKO

NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YABAYE TALIKI YA 23 GASHYANTARE 1984

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

I. Abali muli iyo nama : - Umukuru wa Selire kandi ali nawe Prezida w'Inama Milita Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini, Major BEM, akikijwe n'abafasha be bagize Komite ya Selire.

- Hali n'Abamilitante n'abamilita ba Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

II. Imigendekere y'Inama

- Inama ya Selire yabaye taliki ya 23 gashyantare 1984 kuva saa munani n'igice kugeza saa cyenda n'iminota 45.
- Mu gutangira inama, Milita Ministri yabanje gusuhuza bamilitante n'abamilita kandi nk'uko yali yabivuze yifuliza abakozi bose umwaka mwiza taliki ya mbere gashyantare 1984, yasabye abo Selire yungutse kuza neza kandi bisanga. Abo ni abakozi bali mu buyobozi bwo gutsura za Koperative bahoze muli Ministeri y'Imibereho Myiza n'Imizamukire y'Abaturage.
- Milita Ministri yibukije ko Selire ayobora igomba gukomeza kubahiliza amatwara ya Muvoma, hakoreshwa inama ziteganijwe n'amategeko. Inama ya Komite ya Selire iterana limwe mu kwezi naho iya Selire igomba guterana limwe mu mezi abili.

  Ibyo ntibivuga ko habaye impamvu ngombwa itaterana kenshi.
- Ikindi kigomba kwitonderwa ni uko Ministeri ikunda gukoresha inama zireba imitunganyilize rusange y'akazi. Abakuru b'imilimo bakunda kubona amabwiliza kugira ngo akazi bashinzwe karusheho gutungana. Nabo bategetswe gukoresha inama bakiga ibibazo by'abo bayobora.

  Imigendekere myiza ya Ministeri ntireba Ministri gusa. Buli wese afite uruhare mu kuyiteza imbere.
- Milita Ministri yunzemo, avuga ko yakoresheje inama abakuru b'imilimo bigira hamwe politiki na programu tugomba gukulikiza.

  Icyakora bikaba ali ngombwa kubanyuliramo ibiteganyijwe gukorwa n'ubwo bije itarasohoka. Bije nimara kwemezwa, icyo gihe hazaba indi nama yo guhamya burundu imigambi twiyemeje kugeraho dukulikije ubushobozi bwacu.
- Muli iki gihembwe tugomba kureba ibyihutirwa bigakorwa. Milita Ministri yabisobanuye muli aya magambo.

1°. Ku byerekeye Siporo n'imyidagaduro

- Milita Ministri yibukije ababishinzwe gusakaza imikino muli Komini zose cyane cyane mu byaro. Rubanda nyamwinshi ni rwo rugomba kwitabwaho cyane.
- Kugira ngo siporo irusheho gutera imbere, Ministeri izihatira ibi bikulikira:
  - Kubona ibikoresho bikenewe mu mikino
  - Gutera inkunga abashaka kwiyubakira ibibuga by'imikino
  - Gutoza no guhugura abayobozi b'imikino (entraîneurs) abasifuzi, ba encadreurs.

.../...

... ...

- Programu y'uyu mwaka w'1984 iteye itya :
  - Ministeri izihatira kongera ibikoresho by'imikino aliko hagurwe mu mahanga ibidashobora kuboneka mu Rwanda.
  - Za Komini, amaselire y'Ibigo byigenga, amahuliro asanzwe, ibigo by'abasilikare n'amashuli ni ukubashakira inkunga y'ibikoresho kugira ngo Siporo irusheho gutera imbere.
  - Hagomba nibura kuboneka muli buli karere ikipi ikomeye yaserukira ayandi haba mu mupira w'amaguru, uw'intoki, kwiruka etc...
  - Ku byerekeye politiki yo gukwirakwiza ibibuga by'imikino mu mpande zose z'Igihugu, Ministeri yarangije kubaka Sitade y'i Nyamirambo none ubu hatangiye imilimo ya Sitade y'Igihugu i Remera.

    Tuzatera inkunga kandi iyubakwa rya za Sitade i BYUMBA, CYANGUGU, GIKONGORO na RUHENGERI.

- Za Shampiyona ziteganyijwe muli basiketiboli, voleboli na futuboli ntizigomba guhagarara kubera bije itarasohoka. Kubera ubushobozi bukeya, twemeje gukora amarushanwa makeya mu rwego mpuzamahanga.

  Ibitazashoboka ni ukubishyira mu mwaka utaha. Ntawe ugomba guhatiliza ngo programu iyi n'iyi izakorwe kandi itaremejwe.

- Guhugurwa : Twishimiye inkunga intara ya "Rhénanie Palatinat" yo mu Budage bw'Uburengerazuba ihora idutera.

  Amahugurwa yatangiye umwaka ushize azakomeza uyu mwaka. Ministeri igomba gukoresha impuguke ifite alizo Bwana FICKERT (umudage) na Bwana Yves SOUCHAUD (umufaransa). Ababishinzwe bagomba kwilinda gukora mw'ihubi. Basabwe gutegura programu neza no guteganya hakili kare ibizakenerwa byose.

Icyitonderwa : Mu cyumweru gitaha, umushinga w'itegeko ligenga imikino mu Rwanda uzaba wanononsowe. Ni ngombwa ko dukora tuzi aho tugana.

Imyidagaduro : Tugomba kwilinda akajagali, hakabaho amategeko na programu bose bazi. Imikino abanyamahanga baza kwerekana igomba kubanza gusuzumwa kugira ngo itagira icyo yonona ku muco wacu.

- Gutegura URUKEREREZA (Ballet National)
  - Ababishinzwe nibanoze programu y'imikino kuko URUKERERERZA rwitegura kujya mu bihugu by'inshuti byo mu Buraya kwerekana ibyiza by'u RWANDA. Ibihugu bizasurwa ni Ubudage, Ubufaransa n'Ububiligi.
  - Igihe kirageze cyo gutoranya abana bato babishoboye bo kunganira abatangiye gusaza cyangwa bageze igihe cyo gushaka cyane cyane ku bakobwa. Abo bana bagomba guturuka mu mpande zose z'Igihugu. Ntabwo rero ali ukwibanda ku karere aka n'aka ngo usange bavuga ngo URUKERERERZA rugizwe n'abaha gusa.
  - Kugira ngo abo bana baboneke, si ngombwa guteganya kuzunguruka Komini cyangwa Perefegitura hakoreshwa amarushanwa.
  - Ababishinzwe bagomba kumenya ko nk'igihe Prezida wa Republika agendereye Komini, asuye imishinga, aliwo mwanya mwiza wo guhitamo abunganiratorero kuko abateguye ibiroli baba bafashe abingenzi.

.../...

Igihe cyose mu gihugu habaye imibonano ikomeye n'imyidagaduro, Minisiteri yacu ntizahatangwe kuko izahigira byinshi byayifasha gutera imbere.

- Ku byerekeye abanyamahanga baza mu Rwanda, nasabye ko bagira amategeko abagenga, ntibibe ibintu byo kuvunda no gukora ibyo bishakiye.

  Iyo bageze mu Gihugu, bajye bagira umuntu ubakulikira wo muli Ministeri cyangwa ba encadreurs.

  Usibye kubaca amafaranga ya tagise yo gushyira mu Isanduku ya Leta, bagomba no kwishingira gutwara no gutunga umukozi wacu wo kubayobora.

2° Ku byerekeye Urubyiruko

Urubyiruko rwacu ni rwo Rwanda rw'ejo. Tugomba kurutegura bihagije no kurutera inkunga ngo ruzashobore kwigilira akamaro no kukagilira Igihugu cyose.
Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igomba kwita cyane cyane ku rubyiruko rutazi gusoma no kwandika. Urutararangije amashuli narwo rugomba kwitabwaho hakulikijwe ubushobozi dufite.
Minisiteri izakomeza gushyigikira amashyirahamwe, ibigo by'urubyiruko n'imiryango y'urubyiruko.

a) Ubukangurambaga: 1) Umukuru w'Igihugu yibukije kenshi ko ababyeyi ali bo bafite uruhare runini mu burere bwiza bw'abana babo babatoza cyane imilimo y'amaboko, babalinda kuzerera no kuba ibyomanzi.
Ibyo birumvikana kuko babahora iruhande, ibyo bigatuma banamenya ukuntu bagororwa hakili kare. Ministeri igomba kwita kuli ubwo burere ikabifashamo ababyeyi. Urubyiruko rugomba gukangukira amajyambere. Abakozi bakuru ba Minisiteri basabwe guhura kenshi n'Abategetsi b'inzego zose cyane cyane ba Burugumestiri, ba Konseye, Abaselire kugirango babasobanulire uruhare bafite mu burere bw'urubyiruko.

- Ibiganiro Minisiteri itegura nabyo bijye byumvisha urwego uru n'uru icyo turutezeho ngo urubyiruko rwacu rushobore kuzigilira akamaro.

- Diregiteri Jenerali w'Urubyiruko ashinzwe kureba imitegulire myiza y'ikiganiro hakaba hakubiyemo koko inyigisho z'ingirakamaro.

- Ibiganiro bimwe nk'ibireba politiki bigomba kugera kuli Ministri mbere y'uko bihita kuli Radiyo.

2) Ikindi cy'ingenzi cyatuma urubyiruko rurushaho kwitabwaho, ni ukurubumbira mu mashyirahamwe. Ayo mashyirahamwe kenshi usanga ali mumpapuro gusa, wayasura akabura. Amashyirahamwe nyakuli ni akora, ugasanga afite umusaruro ushimishije.

- Kenshi abayobozi b'Urubyiruko bakunda kwitwaza ko nta modoka, nta pikipiki, nta gare bafite ngo bashobore gusura no gushyigikira amashyirahamwe.
  Nyamara iyo witegereje usanga n'aho begereye nta cyo bahakoze.
  Imbaraga n'ubushobozi dufite tujye tubikoresha, hazatungana byinshi.

- Amashyirahamwe nibwo buryo bwiza bwo gutoza urubyiruko gushaka ikizarutunga. Byabaye ndetse amahire kuko ayo mashyirahamwe igihe azaba amaze gukura azajya mu rwego rwa koperative dushinzwe guteza imbere.

.../...

b) Ibigo by'Urubyiruko

- Politiki ikulikizwa mu bigo by'urubyiruko yarasobanuwe bihagije mu nama zagiye ziba. Igamije gutoza urubyiruko uburere buhagije ngo ruzashobore kwirwanaho rukoresheje amaboko yarwo n'ubwenge.
- Ibigo by'Urubyiruko si amashuli yisumbuye ahubwo ni aho Urubyiruko rwitoreza gukora. "Prezida wa Repubulika ati "U RWANDA rwatunzwe n'amaboko kandi azakomeza arutunge igihe kirekire"; urubyiruko rusabwe gufata iyambere mu kubahiliza uwo mugambi. Amasambu ibigo bifite akwiye gutunganywa bigatuma umusaruro wiyongera.
- Ibigo by'Urubyiruko bitegetswe gushyigikira amashyirahamwe cyane mukuyafasha kugulisha mu masoko ibyo yejeje. Ibigo bifite isambu nini koko bishobora gutiza uruhande rumwe amashyirahamwe ngo yirwaneho, agatanga icyatamulima amaze gusarura.
- Kugira ngo turusheho kuboneza imiterere y'uburere bw'Urubyiruko twiyemeje kuboneza imikorere y'ibyo dusanganywe n'iy'ibyo twahawe.
- Abategetsi ba Komini ntibakwiye kwirengagiza imikorere y'ibigo by'Urubyiruko. Ibibazo bikunda kuboneka bishobora kubonerwa umuti Ministeri itagombye guhuruzwa.
- Programu y'inyigisho twohereje izakulikizwa hakulikijwe imiterere ya buli kigo n'ubushobozi bwacyo.

  Iyo programu ntiyatunganawe hakomeje kubura ibitabo bifasha abalimu gutegura inyigisho kandi abana bigira ahantu hadashobotse. Muli uyu mwaka ni ugutera inkunga ibigo by'Urubyiruko mu bwubatsi.
- Ubwo Minisiteri yabonye inkunga y'ibihumbi 6 by'amadolari, ni ukureba vuba ukuntu yakoreshwa, ibitabo bikaboneka, kabone n'iyo hagurwa ibyo CERAI zikulikiza ubu, biruta ubusa.
- Indi ngorane igomba gutunganywa igihe cyose bishobotse, ni ukwirukana abalimu batazi akazi bashinzwe bagasimbuzwa ababishoboye koko. Ntitugomba na none kubiyenzaho aliko igihe babonyweho icyaha nta mbabazi bazahabwa.
- Muli uyu mwaka Ministeri izasura ibigo byose by'Urubyiruko irebe ukuntu programu y'inyigisho n'amabwiliza ayiherekeje byubahilijwe.

b) Imiryango y'Urubyiruko

Minisiteri izatera inkunga imiryango yose y'Urubyiruko. Inkunga dushobora gutanga s'ibikoresho gusa ahubwo ishingiye mu gukulikirana za programu zihitiyemo. Igihe idutumiye si byiza koherereza abakozi bo hasi kandi abakozi bakuru bahali. Abakozi bakuru basabwe kubyitaho no kugaragara mu makoraniro y'Urubyiruko.

Umukozi wese uzagira igitekerezo cyo gusohoka kugira ngo akazi ke gatungane asinzamukoma imbere. Uwo ni we dushaka.

3° Ku byerekeye Koperative

- Muli iki gihe koperative zifite indwara yo kutamenya gucunga neza umutungo wazo. Kenshi usanga ba Jera alibo bahombya za koperative kuko bazisahura.
- Kugira ngo za Koperative zirusheho kwitabwaho, abakozi bakuru ba Minisiteri basabwe gukoresha inama muli za Perefegitura, bakumva ingorane zifite kandi bakazishakira umuti. Ibibazo binaniranye ni ukubishyikiliza Ministri akabikemura, byaba ngombwa nawe agakoresha inama. Ntihakagire rero uwiyerurutsa avuga ngo ibi ntibindeba, ngo n'ibya Ministri. Twese ni ugufatanya.
- Programu yo gukoresha inama yatangiliye i Kigali none yararangiye. Ni ukureba ahandi hihutirwa maze ba Prefe bakamenya igihe intumwa za Ministeri zizabagenderera. Birakwiye ko iyo umukozi avuye muli misiyo atarenza iminsi ibili adatanze raporo.

.../...

Ba Shefu ba Serivisi bose bajye babona kopi ya raporo bakulikirane ibireba akazi bashinzwe.

- Guhugura ba Jera na ba Kontabure byaratangiye kandi bizakomeza. Twizeye ko ibyo bizatuma za Koperative zirushaho kugenda neza.
Milita Ministri mu gusoza iyo ngingo yibukije ko Selire ayobora igomba guhora ihumeka umwuka mwiza. Abakozi basabwe kwilinda gucagagurana. Kugira ngo ibyo bishoboke, ni ugukora inama mu nzego zose z'akazi.
Milita Ministri, nk'uko yabivuze akigera muli Ministeri, yasabye bamilitante na bamilita kwiyumvisha ko Ministeri ayobora atali iye wenyine, ni iy'abayikoramo bose. Twese ni ugufatanya, ibitagenda neza bigashakirwa umuti. Iyo akazi kagenda bishimisha bose kandi iyo hali ibyapfuye si kanaka biba bireba wenyine. Twese duhagurukire gukora, dutunganya ibyo dushinzwe.

4° Ibibazo byerekeye Selire :

a) Animasiyo na Siporo :

Selire yacu yiyemeje gukora animasiyo na Siporo limwe mu cyumweru. Iyo hali amarushanwa usanga Ministeri yacu ikina kuwa gatatu kandi no kuwa kane igakora animasiyo. Ubwo rero usanga ali iminsi ibili mu cyumweru kandi akazi gasanzwe kagomba nako kwitabwaho. Kubera ko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative aliyo itegura amarushanwa, igomba kubonera umuti icyo kibazo. Ubuyobozi Bukuru bwa Siporo bufatanyije na Komite ya Selire basabwe kubaza Selire zose umunsi zikoreraho animasiyo maze mu gukora amarushanwa bigakulikiza iyo minsi.

- Ku byerekeye Siporo, Selire isabwe gukaza umurego, ikerekana ko izi gukina kurusha izindi cyane cyane nko muli Voleboli, basketiboli. Hashobora kujyaho amakipi y'abagabo n'ay'abagore. Ibyo birashoboka kuko Ministeri ifite impuguke zihagije. Tugomba kwitoza bihagije. Imyenda ya Siporo yatanzwe ni ukuyigarura imeshwe, igashyikilizwa Milita SEBUNYONI Eliyasi. Niwe uzajya ayicunga kandi ayimese igihe yanduye.
- Ku byerekeye animasiyo, birashimishije kubona Selire yacu yarungutse abakozi bashya. Tubasabye gufatanya na twe maze ubuhimbyi buzarusheho gutera imbere.
Abagize "groupe choc" biminjiremo agafu kugira ngo bakangure abandi. Kubera ko abaje badusanga badafite imyenda y'animasiyo, basabwe kuzana iyo bali basanganywe igahabwa itorero liyikeneye na bo bakabona isa n'iyo Selire yacu ifite. Selire yacu izitwerereza ku Munyamabanga Mukuru wa Muvoma yacu. Kubera ko imyenda y'animasiyo igomba kubikwa hamwe, buli mukozi azayishyire mw'ibahasha, yandikeho izina rye, ibikwe kuli Ministeri. Abatarayigarura babyihutire.

b) UMUGANDA.

Abakozi bose basabwe gufatira bisi kuli Ministeri. Muli iki gihe abantu bose bakangukiye umuganda. Ugomba kwitabwaho kuko ufitiye akamaro igihugu cyacu. Na none s'ugukora umuntu ataruhuka cyangwa atavuga, kuko umuntu ukora avuga si bibi. Ingorane zikunda kuboneka muli Selire yacu ni uko haba ubwo abenshi batawujyamo cyane cyane iyo hategurwa amarushanwa yo muli wikendi. Bene ayo marushanwa agomba kuba azwi, agategurwa mbere y'umunsi w'umuganda.

.../...

- Kubyerekeye gutegura mbere y'igihe, Milita Ministri yasabye abakozi bose kumenya guteganya hakili kare imilimo bashinzwe. Nko ku byerekeye misiyo na sitaji mu mahanga n'ukubitegura hakili kare maze Ministri akaba yabikulikirana aliko ibyangombwa byarabereye igihe giteganyijwe.

c) Kwimura abakozi dufite ku KACYIRU

Milita Ministri yavuze ko yigeze gusaba amazu ya MINAGRI ali imbere ya Ministeri yacu hanyuma bakamuhakanira. Kubera ihindurwa rya za Ministeri icyifuzo cye cyaje kwemerwa. Abakozi bali muli Serivisi ya Kadastre baragiye ubu himuliwemo abakozi bo muli Servisi ishinzwe za Koperative. Hasigaye igice gikorerwamo n'Ubuyobozi Bukuru bw'Ubworozi. Batwijeje ko bazahava vuba. Yego ni hatoya aliko nta kundi byagenda, icyangombwa ni ukubona aho ibiro bijya.
MINITRAPE yemeye kuduha ibikoresho ahasigaye ni ukuzayitunganyiliza dukoresheje Urubyiruko rw'I GACULIRO, nk'uko byagenze mu gusana amazu dukoreramo no gukora intebe twicaraho.

d) ISUKU

Milita Ministri yamenyesheje abakozi bashya ko W.C. zikunda gutera ibibazo. Hali W.C. zapfuye zirafungwa. Hali izindi zatumaga abakozi badahumeka umwuka mwiza nazo zarafunzwe. Ministeri yubatse izizisimbura kandi ubu zirakora. Abaplanto basabwe kujya bazisukura buli gihe kandi bagateganya amazi mu ngunguru. Bajye bita ku isuku, haba mu biro, haba hanze. Ababishinzwe bajye babagenzura buli gihe baye kwirara. Ba Shefu ba Serivisi nabo bajye babacyaha igihe bateshutse ku kazi kabo. Umukozi mukuru ntakwiye kwihunza ibibazo yiboneye kandi bishobora kudindiza imigendekere rusange y'akazi.
- Niba hali abakozi bakeneye kugira icyo bafata isaa yine, bazabimenyeshe Ministri azababonera igisubizo. Birabujijwe rero kulira mu biro kuko bitera akajagali.

5° IBYIFUZO

a) Ese abana barangije mu bigo cy'Urubyiruko bifite amasambu ntibabonamo aho bajya bihingira bagashinga amashyirahamwe ?
   - Milita Ministri yavuze ko icyo gitekerezo ali cyiza kandi ko agishyigikiye. Ibigo bifite amasambu manini bizajya byatira urubyiruko aliko rugire icyatamulima rutanga. Ni ukubatiza s'ukubagabira kuko hazavuka ingorane bidafututse neza.

Urugero : I KIRWA hali abana batarenga icumi kandi isambu ifite ha 6. Birumvikana ko aho hantu hakeneye urubyiruko rwo kuhahinga.
   - Nko muli RWASAVE, hali igishanga kinini cyeguliwe Serivisi y'Urubyiruko yali muli MINADEF. Aho kuhaha abaturage, twasabye Burugmestri kuhatira amashyirahamwe y'Urubyiruko.

b) Tombola yabaye muli iyi minsi ikoreshejwe n'Umuryango w'Abalilimbyi yateye ibibazo byinshi. Abantu benshi basanze itaranyuze mu nzira nyakuli. Kubera ko Ministeri yemeye kugira uruhare mu gutegura iyo Tombola, byatumye abantu bamwe bayisebya. Ministeri ikwiye kugaragaza aho ukuli guherereye.

.../...

- Milita Ministri yasanze koko hali ibintu bitagenze neza.

Yunzemo avuga ko kugira ngo Tombola ibe, bene ubwite babisabiye uruhushya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Ubwo Ministeri yemeye kujya mw'itunganywa ry'iyo Tombola, ibintu bigomba gufutuka.

Milita Ministri yasabye Milita BAGOYI Yozefu gutegura ibaruwa isaba Prezida w'Umuryango w'Abalilimbyi raporo irambuye yerekeye imigendekere ya Tombola n'amafaranga yinjiye. Ni ukumuha igihe ntarengwa. Ibyo bizatuma tumenya neza ibitanyuze abaturage, n'ibiba ngombwa byazasobanurwa mu biganiro bihita kuli radio.

Mu gusoza inama, Milita Ministri yakoresheje animasiyo hanyuma abakozi bajya gukina.

Umwanditsi :
Visi-Prezida wa Komite
ya Selire
BAGOYI Yozefu.-

Prezida w'Inama :
Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augusitini
Major BEM.